

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

48 PAGES

Name: KANIMBA Janvier

School: ENP/TTC de Mbuga (Mater Dei)

Class: ______ Year ______

Subject: ______

KNOWLEDGE IS WEALTH

KANIMBA Janvier.
Commune d'orgine Masango
Prefécture GITARAMA.
Ecole : ENP / TTC de Mbuga. (Gikongoro)
Mater Dei

Buhanda le 19. 9. 99.

Impamvu: Kwandika ibyo twaba twarabonye cyangwa ibyatubayeho muntambara y'itsembabwoko n'itsembabwoko yo muri mata 1994.

Ubwo inditwe badukeye ku itariki ya 20. 4. 94 mumasaaha nibwo twari dutangiye guhunga.

Twaragiye tujya mu Byimana tugezeyo tuharara rimwe bukeye intambara iba izahageze turakomeza tujya mu i Kabgayi turahaba batugabanyamo amakipe 4.

Icyipe ya 1 yagiye mu collège y'i Kabgayi ariho nange narindi, iya 2 ijya aho twitaga muri CND munsi yo ku ka magaru aha hoze trafiporo, iya 3 ya ariyo abavuye i Nyacyonga ijya muri école primaire y'i Kabgayi, hanyuma iya 4 ijya mu isomdarari.

Ubwo twarabaye aho i Kabgayi mukwezi tanu nibwo nabonye umuhungu w'umusore witwaga ngo Honoré bamurasira aho twabaga mugifurere ahita apfa. Ubwo musenyiri wa Kabgayi NSENGIYUMVA Thadé aza aravuga ngo Mumenye ntimunsenyere amazu ubundi abantu mubajyane (kubica).

Ubwo yamaze kugenda mugitondo

twagiye kubona tubona mugitondo nyine haje abasirikare n'interahamwe baje gutwara abantu mumabisi.

ubwo barabajyanye bajya kubica. Babiciye

kugisenyi

Bakomeje kujya baza gutwara abantu bigezeaho. baba ba bareka yeaho.

Sabonye gutwara abantu bazi, bakurikizaho abantu bize n'abo wabonaga ko bigeze kugira amafaranga hanyuma bajyana abasigaye bose.

Twabayeaho ku itariki ya 2. 6. 1994 nibwo twabonye inkotanyi ziza kutubohoza mugitondo cyakare.

Twaragiye tujya muruhango, i Kinazi, i Busoro, Rurabusoro, tujya muringenda duheruka muri Gashora.

Ibi nibyo nashoboye kubona muntambara mbaye ndashimiye murakoze.

---

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.